Our Ref: 004/RRA/CCS/2025 Date: 6/11/2025

Your Ref: ......................

# ITANGAZO

Ubusabe bwo gukurirwaho amahoro ya Gasutamo ku bikoresho fatizo

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA), Serivisi za Gasutamo, kiramenyesha abanyenganda bose bifuza gusaba gukurirwa amahoro ya gasutamo ku bikoresho fatizo, mu gihembwe cya gatatu cy'umwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026, ko igihe ntarengwa cyo kohereza ubusabe ari ku wa 30 Ugushyingo 2025. Ubusabe bunyuzwa kuri https://drs.eac.int.

Ibisabwa bikurikira bigomba kuba byuzuye:

- Kwandikira Komiseri wa za gasutamo ukoresheje Ifishi R1;
- Gutanga production formula;
- Kuba afite EBM V2 igezweho;
- Gutanga icyemezo cy' uko nta mwenda w'umusoro barimo (Tax Clearance Certificate);
- Abasaba kongererwa igihe bagomba kwerekana ububiko bw'ibikoresho fatizo bisigaye
- n'ibicuruzwa bitaragurishwa mu gihe cyo gutanga ubusabe;
- Gutanga icyemezo cyo kwiyandikisha mu bucuruzi cyatanzwe na RDB.

Icyitonderwa:

- Usaba agomba kuba nta birarane by'imisoro abereyemo Gasutamo, cyangwa ubusabe bwabo butarigeze buteshwa agaciro kubera amakosa;
- Usaba ibikoresho fatizo bizakorwamo ibicuruzwa biri mu bwoko butandukanye (different sectors), agomba gutanga ubusabe bwa buri bwoko ukwabwo;
- Ubusabe buzoherezwa butashyizweho ibisabwa byose ntibuzahabwa agaciro;
- Ikibazo cyose kirebana n'ubu busabe kigomba gutangwa mu minsi 15 mbere y'uko iki gihembwe cya gatatu gitangira.

Ku bindi bisobanuro, mwahamagara Serivisi za gasutamo kuri 0788185676.

Gatera Yvonne
Komiseri Wungirije ushinzwe kunganira mu bikorwa bya Gasutamo

RWANDA REVENUE AUTHORITY * RRA * CUSTOMS SUPPORT DIVISION